

Nyagasani Yezu Kristu aha Ubutumwa Valentine Nyiramukiza

Kwi taliki ya 8 zu kwezi kwa gatatu mu mwaka wa 2020 .

UBUTUMWA YEZU YAMPAYE KU ITARIKI YA 8/3/2020 SAA CYENDA NA CUMI
N'ITANU ZA NIJORO (3H15) I BRUXELLES MU BUBILIGI .

YEZU ATI:

Nyiramukiza mwana wanjye ntega amatwi yombi nje kukubwira ibijyanye n'igisibo watangiraga ku itariki ya cyenda .

NDASUBIZA NTI:

Karame Papa, ndi hano nteze amatwi ngo umbwire icyo ushaka cyose kuko ndi igikoresho cyawe ni icy'ab'isi yose.

YEZU ATI:

Iki gisibo kizaba gikomeye cyane kuko igisibo wakoraga cy'iminsi cumi n'ibiri (12), utarya, utanywa ubu ntacyo uzakora.

NDASUBIZA NTI:

Papa ko unteye ubwoba ? Kubera iki ntazagikora? Ubushize se nagikoze nabi urababara none urampannye? Nsobanurira neza kuko binteye ubwoba n'agahinda.

YEZU ATI:

Nyiramukiza mwana wanjye wihutiye kuvuga utarumva neza impamvu yanjye.
Ntega amatwi yombi ngusobanurire mwana wanjye wikangarana nonaha utarumva.

Icya mbere : Kugira ubwoba ni ngombwa ariko humura.

Icya kabiri: Impamvu utazagikora ndayikubwira ni cyo cyanzanye.

Icya gatatu: Ubushize ntabwo wagikoze nabi kandi ntabwo wambabaje, si n'igihano nguhaye, gusa ni uko ariko mbishaka kubera impamvu zanjye ndibukubwire wigira ubwoba rero n'agahinda nonaha utarumva impamvu.
Impamvu itumye nkubwira ko utazasiba kurya no kunywa nkuko byari bisazwe ni iyi:

Icya mbere :

Ni uko watangiye igisibo kera n'ubu ukirimo. Uti gute ?
Wahuye n'ibigeragezo byinshi bikubabariza umutima, bigutera agahinda, uburwayi

utinubiye

na n'ubu ugifite. Ibyo byose ni igisibo gikomeye kuko nabyo byakubuzaga kurya.

Icyamba kabiri:

Ikindi wicajwe mu nteko y'abaneguranyi nk'iyi kwa Pilato.

Byarakubabaje cyane nanjye byarambabaje, ariko kwari ukugirango ubone uko wuzuza ubutumwa bwawe bwo gusenga usabira imiryango by'ukuri, kuko utabyumvaga neza bitakuriho,

Ng'ubwo ubufasha wabwiwe icyo bwagufashijemo, wowe ugirango ni ibyishimo bizahoraho kandi ari umuruho. N'abandi bari babyumvise uko bitari bikabatera gushidikanya, mwumvireho, no kugirango usabire abandi basigaye inyuma yawe rero kuko ntibyoroshye mwana wanjye.

Icyamba gatatu:

Hagiye kubaho icyorezo gikomeye cyane kizahungabanya isi yose, ndetse hagapfa abantu benshi kikazatuma Kiriziya zifungwa mugahera mu nzu, ku buryo rero ukoze igisibo utabona Umubiri n'amaraso byanjye kandi aribyo byagutungaga mu gihe wasibaga kurya no kunywa.

Ikindi ni uko muri iyi minsi uzajya ubabara cyane bitabonwa n'abantu kuko nibwo butumwa bwawe usabira isi ngo ihinduke.

Usabira Kiliziya kuko yagombye guhamagarira abakristu gusenga ngo batsinde kino cyorezo shitani yihishe inyuma ngo isenye imitima y'abantu cyane cyane

abakristu. Ibyo byose ugomba kubabara kugirango umfashe gukiza isi n'izo roho zose.

Ibyo byose birusha ububabare gusiba kurya no kunywa kandi ntibikubuza kubabara mu mwanya w'abandi.

Uzafasha kubabara muri iki gihe cy'ibigeragezo n'amakuba byugarije iyi si, mbese ibyishimo byawe bizaba bike:

Guheka umusaraba nka kera,

Gukubitwa umubiri wose, kwikorera ikizingo

cy'amahwa, kurara hasi no kudasinzira nk'abandi nijoro kugirango ibi byorezo bigabanure ubukana.

NDAMUBAZA NTI:

Papa urumva ibyo byose nzabishobora n'uburwayi mfite?

YEZU ATI:

Humura mwana wanjye wihangayika sinzagutererena turi kumwe.

Amasengesho azarusheho kuba menshi avuye ku mutima kandi Rozali izakubera imbaraga zo gutsinda ibyo byose uzahura nabyo.

Ngaho vuga :

Dawe uri mw'ijuru.....
Ndakuramutsa Mariya.....
Hubabwe Imana Data.....

Mwana wanjye nguhaye umugisha wa kibyezi ,
Kw'izina ry'Imana Data
Na Mwana
Na Roho Mutagatifu

Amina.

Wirirwe mwana wanjye.

NDASUBIZA NTI:

Urakoze cyane Papa.

Wirirweho.